

## Inama zirebana n'amasaha y'ikirenga n'amasaha ntarengwa mu cyumweru zigenewe Abakozi Bita ku Barwayi, Abafite Ubumuga n'Abasheshe Akanguhe

### icyumweru cy'akazi ni:

- Kuva ku Cyumweru sa 12:00 a.m. (nijoro) kugeza kuwa Gatandatu sa 11:59 p.m.
- icyumweru cy'akazi gishobora kuva mu cyumweru fatizo cy'imishahara kimwe kikinjira mu kindi.
- icyumweru cy'akazi gishobora kuva mu kwezi kumwe kikinjira mu kundi.

Sunday	Monday	Tuesday	Wednesday	Thursday	Friday	Saturday	
15 <b>6</b>	<b>July</b> 16 <b>6</b>	17 <b>6</b>	18 <b>6</b>	19 <b>6</b>	20 <b>5</b>	21 <b>5</b>	<b>40</b>
THIS WEEK CROSSES 2 PAY PERIODS →							
22 <b>5</b>	23 <b>5</b>	24 <b>6</b>	25 <b>6</b>	26 <b>6</b>	27 <b>6</b>	28 <b>6</b>	<b>40</b>
THIS WEEK CROSSES 2 MONTHS AND 2 PAY PERIODS →							
<b>July</b> 29 <b>5</b>	30 <b>5</b>	31 <b>6</b>	<b>Aug</b> 1 <b>6</b>	2 <b>6</b>	3 <b>6</b>	4 <b>6</b>	<b>40</b>
THIS WEEK CROSSES 2 MONTHS AND 2 PAY PERIODS →							

### Nta gihano uzahabwa cyo kurenza amasaha wemerewe gukora mu cyumweru kubera:

- Amahugurwa asabwa na DSHS
- Amasaha y'urugendo yemewe
- Amasaha yo gukurikirana ibibazo
- Ikiyuhuko Gihemberwa (PTO)

### Ni gute nakwirinda ibihano?

- Jya uhora ukora ingengabihe yawe y'akazi y'icyumweru mbere y'uko gitangira maze uyandike.
- Mu gihe ibyo umukiriya akeneye bihindutse bigatuma ukora amasaha akaba yarenga ayo wemerewe mu cyumweru, ugomba guhita umenyeshya Ushinzwe dosiye y'umukiriya ako kanya.
- Jya wandika amasaha umaze gukora buri muni ku rupapuro ngengabiwe rwawe, kubyandika kuri kalindari nabyo byagufasha. Ugomba guhora urebaho kugira ngo urebe ko wurimo kubahiriza amasaha ntarengwa yawe mu cyumweru.
- DSHS ifite inyandiko zishobora kubafasha wowe n'umukiriya/umukoresha kumenya uburyo bwo gucunga ingengabihe no kutarenza amasaha wemerewe gukora mu cyumweru. Izo nyandiko ziboneka ku rubuga [www.dshs.wa.gov/altsa/IPOT](http://www.dshs.wa.gov/altsa/IPOT).

### Ese ibihano nafatiwe biguma muri dosiye yanjye y'amasezerano y'akazi igihe kingana iki?

- Buri gihano ufatiwe kiguma muri dosiye y'amasezerano yawe y'akazi mu gihe cy'amezi 12 uhereye ku itariki yanditse ku rwandiko rukumenyeshya icyo gihano. Nyuma y'amezi 12, cya gihano kiba kirangiyeye.

### Ukwezi kugaragara mu bihano cyangwa mu ibaruwa wakiriye ni ukwezi ko guhembwa:

- Niba ibaruwa ivuga "amasaha wahembewe mu kwezi kwa Mata," amasaha yakozwe kuba arimo ayo mu kwezi kubanza (Werurwe).
- Wavugana n'ushinzwe gukurikirana dosiye y'umukiriya uramutse ufite ibibazo bijyanye n'ukwezi wishyujemo ikirenga.